**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUTABERA**
**P.O.BOX 160 KIGALI**

## IJAMBO RYA MINISITIRI W'UBUTABERA/INTUMWA NKURU YA LETA MU MUHANGO W'ISOZA RY'ICYICIRO CYA CUMI NA KANE CY'AMASOMO Y'IBANZE Y'ABAPOLISI

- **Bayobozi muteraniye hano,**

- **Bapolisi mushoje amahugurwa ,**

Mbere na mbere mbanje kubasuhuza.

Ba nyacyubahiro nshuti bavandimwe muteraniye hano, uyu muhango usoza amahugurwa y'abapolisi bato urerekana ubushake bwa Guverinoma y'u Rwanda ndetse n'ubuyobozi bwa Polisi y'u Rwanda bwo kubaka igipolisi cy'umwuga no kugeza Polisi y'u Rwanda ku bushobozi bukenewe kugira ngo ishobore kurangiza neza inshingano zayo zikomeye zo kubumbatira amahoro n'umutekano w'abaturarwanda ndetse n'uw'ibintu byabo.
Ibi kandi birashimangira ko kugira ngo polisi y'u Rwanda igere ku bunyamwuga nyabwo hakenewe inyigisho nk'izi abapolisi bahabwa.

Polisi y'u Rwanda ifite inshingano, kandi igomba guhora ikora ibishoboka byose amategeko ateganya gukumira no kurwanya ibyaha.

Kugira ngo iyi nshingano irangizwe neza bisaba ko umupolisi wese agomba guhabwa inyigisho zimuha ubumenyi, ubushobozi n'ubushishozi bihagije. Amasomo asojwe ni intangiriro bazakomeza guhabwa izindi nyigisho nyinshi.

Kubera inyigisho nk'izi n'izindi abapolisi bahabwa, Polisi y'u Rwanda igeze ku rwego rushimishije mu gucunga umutekano mu gihugu, bikaba

byaratumye ibyaha bigabanuka ku buryo bugaragara. Gucunga umutekano ntibigarukira mu gihugu cyacu gusa kuko Polisi yacu yitabazwa n'Umuryango w'Abibumbye n'indi miryango nka Afurika yunze ubumwe mu kugarura umutekano mu bihugu by'amahanga bifite ibibazo by'umutekano.

Birumvikana rero ko ubumenyi ari ngombwa mu kubaka imikorere ya kinyamwuga. Tuzakomeza kuzamura ubumenyi bw'abapolisi tubashakira amahugurwa atandukanye mu gihugu imbere ndetse no mu mahanga, kubafasha kubona ibikoresho bigezweho, bikenewe mu kazi kabo ka buri munsi.

Mu nyigisho n'ubumenyi bahawe harimo no kugira uruhare mu mibereho n'iterambere ry'abaturage.
Polisi y'u Rwanda igira uruhare rukomeye mu gushyira mu bikorwa gahunda za leta nko gufatanya n' abaturage mu kwicungira umutekano, gukora umuganda rusange, n'ibindi bikorwa bitandukanye bigamije iterambere ry'Igihugu. Ni muri urwo rwego inyigisho bahabwa zibagira intangarugero mu kubahiriza amategeko, gushyigikira gahunda za leta buri wese aho akorera, no gutoza abaturage umuco mwiza wo gushyira mu bikorwa ibyo amategeko ateganya.

Bapolisi mushoje amahugurwa uyu munsi, ndabashimira ubwitange n'umurava byabaranze mu gihe cyose aya mahugurwa amaze. Mwahawe ubumenyi, uyu munsi muhawe inshingano byombi bigomba kubaka ubushobozi bwo gukorera abaturage mu buryo bugezweho, bwumvikana kandi bwubahiriza amategeko. Iteka mwibuke ko muri abagaragu b'Itegeko, ntimuri hejuru y'amategeko, muri munsi yayo, niyo abagenga.
Mushyire imbere gusobanura icyo musaba ko gikorwa, impamvu mugisaba, n'amategeko akigenga. Mwibuke ko abaturage dukorera baba batureba, ko bo ubwabo cyangwa babinyujije ku mbuga nkoranyambaga bafite uburenganzira bwo kugeza ku buyobozi bwa Polisi cyangwa kuri Minisiteri ibibazo basaba ko Polisi muri rusange cyangwa umupolisi w'aha n'aha bafashwa kunoza imikorere, imisobanurire , imyubahirize y'amategeko, imikoreshereze y'ububasha bahabwa n'amategeko cyangwa imikoreshereze y'ibikoresho by'akazi bahawe gukoresha, bakagaragaza n'inenge babonye.

Bityo rero ubumenyi bw' ibanze mwahawe bwo gukumira no kurwanya ibyaha murasabwa kuzabukoresha mu mirimo yanyu ya buri munsi mwirinda icyo ari cyo cyose cyanyuranya n'amategeko cyangwa se ku bundi buryo

cyakwangiza isura nziza ya Polisi y'u Rwanda. Ndabasaba kandi kuzaba inyangamugayo murangwa n' ishyaka mu kazi kanyu ka buri munsi.

Nagira ngo mbonereho mvuge no ku byaha dushinzwe gukumira no kurwanya n'impamvu tubikora kugira ngo abari hano n'abatwumva bamenye aho Leta ihagaze.

Iterambere Igihugu cyacu giharanira kugeraho, kandi vuba, rishingiye ku baturage, ku mutekano n'amahoro birambye, ku budakemwa buranga ubukungu bwacu, ku kutihanganirana na busa ruswa, uburiganya n'ibifitanye isano nabyo, ibikorwaremezo byiyongera kandi bifashwe neza, ubudakemwa bw'ikoranabuhanga, kubungabunga ibidukikije, ku mahoro n'ituze mu ngo, ku gihugu kiri nyabagendwa amanywa n'ijoro, ku kugengwa, kubahiriza no kureshya imbere yamategeko kuri twese.

Ibi mvuze haruguru birumvikana ko bitabangikanywa na ruswa , uburiganya, ihohoterwa ryo mu ngo, ubujura, icuruza n'ikwirakwiza ry'ibiyobyabwenge, uburiganya, ubwambuzi mu bucuruzi n'ahandi, ibyaha bishingiye ku ikoranabuhanga, guhumanya ibidukikije, kwangiza cyangwa gusenya ibikorwaremezo, icuruzwa ry'abantu n'ibindi byaha muri rusange.

Nagira ngo rero mbwire abari mu byaha cyangwa abateganya kubyishoramo ko ari ukwishora mu kaga gakomeye. Hazakoreshwa uburyo bwose amategeko ateganya, ubushobozi bwose dufite, igihe cyose kizakenerwa kugira ngo duture mu gihugu kirinzwe icyagihungabanya icyo aricyo cyose giturutse ku bukozi bw'ibyaha. Ababirimo rero mubivemo inzira zikigendwa kuko Leta yo ntizabivamo ahubwo izavugurura ingamba zikenewe kuvugururwa kugira ngo ibyaha bikumirwe, birwanywe cyangwa bihanwe ku buryo bubaca intege.

Bayobozi munzego zitandukanye muri hano, aba bapolisi barangije aya mahugurwa ntabwo ubumenyi bakuye kw'ishuri buhagije bwonyine, ahubwo bazakenera n'ubufatanye butandukanye bw'inzego za Leta mubereye abayobozi. Kwifatanya natwe gusoza aya mahugurwa ni ikimenyetso cy' ubufatanye buzahoraho no mugihe aba bapolisi bazaba bageze mu mirimo.

Mbere y 'uko nsoza iri jambo, ndashimira ubuyobozi bwa Polisi y'u Rwanda budahwema guhugura abapolisi n'abandi banyarwanda bifuza kwinjira muri Polisi y'u Rwanda kugira ngo batange umusanzu wabo wo kurinda umutekano w'abaturarwanda n'ibyabo.

Ndashimira kandi ubuyobozi bw'iri shuri, abarimu, namwe mwese mwitabiriye uyu muhango w'isoza ry'icyiciro cya cumi na kane cy'amahugurwa y'ibanze y'abapolisi nsaba n'aba bapolisi bashoje amahugurwa kuzahora baharanira ishema ry'u Rwanda aho bazaba bari hose.

Mugire umusi mwiza.